<p>Perezida, Visi Perezida n'Umwanditsi.</p> <p>Inama y'urwo Rwego itumizwa rimwe mu mwaka n'igihe cyose bibaye ngombwa igatumizwa na Perezida warwo. Raporo ya buri nama y'Urwego ishyikirizwa Komite Nyobozi mu gihe kitarenze iminsi mironko itatu (30) uherye umunsi inama yabereyeho.</p> <p>Iyo rushyikirijwe ikibazo, Urwego ruterana mu minsi itarenze cumi n'itanu (15) y'akazi kugira ngo igikemure.</p> <p>Impaka zose zivutse muri PDC zikemurwa n'urwo rwego. Iyo zidakemutse zishyikirizwa Komite Nyobozi nayo ikazigeza kuri Biro Politiki kugira ngo ifate icyemezo.</p>	<p>meeting, members of the organ shall elect among them the President, the Vice-President and Secretary of the Organ.</p> <p>The meeting of the Organ shall convene once year and every time when necessary. It shall be convened by its President. The minutes of each meeting must be submitted to the Executive Committee not later than thirty (30) days (30) from the date when the meeting was held.</p> <p>Should the Organ receive a conflict case, it shall meet fifteen (15) days after the date of reception of the case in order to decide thereon.</p> <p>Disagreements that arise in PDC shall be resolved by that Organ. If they are not solved, they are brought to the Executive Committee. The Executive Committee shall in turn, table the case to the Political Bureau for an appropriate decision.</p>	<p>réunion les membres élisent parmi eux un président, un Vice-Président et un Secrétaire.</p> <p>La réunion de l'Organe se réunit une fois par an et chaque fois que de besoin. Elle est convoquée par son Président. Le rapport de chaque réunion de l'Organe doit parvenir au Comité Exécutif dans un délai ne dépassant pas trente (30) jours à compter du jour de la tenue de ladite réunion.</p> <p>Une fois un litige est soumis à l'Organe, celui-ci doit se réunir dans quinze (15) jours à compter de la réception de ladite affaire pour trancher.</p> <p>Tout différend survenu au sein du PDC est examiné par l'Organe. Lorsqu'une solution adéquate n'est pas trouvée, l'affaire est transférée au Comité Exécutif qui à son tour la présente au Bureau Politique afin de s'y prononcer.</p>
--	---	--

<p><b>Icyiciro cya 3: Inzego z’Intara n’Umujyi wa Kigali, imiterere, inshingano n’imikorere byazo</b></p>	<p><b>Section 3: Provincial and Kigali City organs, their organisation, responsibilities and functioning</b></p>	<p><b>Section 3 : Organes provinciaux et de la Ville de Kigali, leur organisation, leurs attributions et leur fonctionnement</b></p>
<p><b>Akiciro ka mbere: Kongere y’Intara cyangwa Umujyi wa Kigali</b></p>	<p><b>Sub-section one: Provincial or Kigali City Congress</b></p>	<p><b>Sous-section première : Congrès provincial ou celui de la Ville de Kigali</b></p>
<p><b>Ingingo ya 35 :Abagize Kongere y’Intara cyangwa Umujyi wa Kigali</b></p>	<p><b>Article 35: Composition of Provincial or Kigali City Congress</b></p>	<p><b>Article 35 : Composition du Congrès provincial ou celui de la Ville de Kigali</b></p>
<p>Kongere y’Intara cyangwa y’Umujyi wa Kigali igizwe na:</p>	<p>The Provincial or Kigali City Congress shall be made up of:</p>	<p>Le Congrès provincial ou de la Ville de Kigali est composé :</p>
<p>1° Abagize Komite y’Intara n’Umujyi wa Kigali</p>	<p>1° the members of the Provincial Committee and the Kigali City Committee;</p>	<p>1° des membres du Comité provincial et ceux de la Ville de Kigali ;</p>
<p>2° Abagize Komite z’Uturere;</p>	<p>2° the members of District Committees;</p>	<p>2° des membres des Comités de District ;</p>
<p>3° Umuyoboke umwe uhagarariye PDC ku rwego rw’Umurenge.</p>	<p>3° a member representing PDC at the Sector level.</p>	<p>3° d’un membre représentant le PDC dans le Secteur.</p>
<p><b>Ingingo ya 36: Inshingano za Kongere y’Intara n’Umujyi wa Kigali</b></p>	<p><b>Article 36 : Responsibilities of Provincial and Kigali City Congress</b></p>	<p><b>Article 36 : Attributions du Congrès Provincial et celui de la Ville de Kigali</b></p>
<p>Kongere y’Intara n’Umujyi wa Kigali ishinzwe:</p>	<p>The Provincial Congress and that of Kigali City shall have the following responsibilities:</p>	<p>Le Congrès Provincial et celui de la Ville de Kigali est chargé de :</p>
<p>1° Gutora abagize Komite y’Intara n’Umujyi wa Kigali;</p>	<p>1° To elect members of the Provincial Committee and the Kigali City Committee;</p>	<p>1° Elire les membres du Comité provincial et celui de la Ville de Kigali ;</p>
<p>2° Gutegura ibyifuzo bisuzumirwa muri</p>	<p>2° To suggest recommendations to be</p>	<p>2° Proposer des recommandations à être</p>

<p>Kongere y'Igihugu;</p> <p>3° Gufata ibyemezo bituma PDC ishingira imizi mu Ntara no mu Mujyi wa Kigali.</p> <p><b><u>Akiciro ka 2: Komite y'Intara n'Umujyi wa Kigali</u></b></p> <p><b><u>Ingingo ya 37: Abagize Komite y'Intara cyangwa Umujyi wa Kigali</u></b></p> <p>Komite y'Intara cyangwa y'Umujyi wa Kigali igizwe na Perezida, ba Visi Perezida babiri, Umunyamabanga, Umubitsi n'Abajyanama batanu, bese batorerwa manda y'imyaka itanu (5), bagatorwa na Kongere ku rwego rw'Intara cyangwa rw'Umujyi wa Kigali.</p> <p>Abayobozi batowe ku rwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali bashobora gusezererwa ku buyobozi byemejwe na bibiri bya gatatu (2/3) by'abagize urwo Rwego.</p> <p>Inshingano zabo zisa n'iz'abagize Komite Nyobozi, ariko zo zikaba ziri ku rwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali.</p>	<p>considered by the National Congress;</p> <p>3° To take measures aimed to strengthen PDC popularity in the Province and in the City of Kigali.</p> <p><b><u>Sub-section 2: Provincial or Kigali City Committee</u></b></p> <p><b><u>Article 37: Members of Provincial or Kigali City Congress</u></b></p> <p>The Provincial or Kigali City Committee is made up of the President, two Vice-President, the Secretary, the Treasurer and five Advisers; all of whom are elected for a five-year (5) term by the PDC's Congress at Provincial or Kigali City level.</p> <p>The leaders elected at Provincial and Kigali City levels may be relieved of their duties upon decision by two-thirds (2/3) of the members of this Organ.</p> <p>Their responsibilities are similar to those of the members of the Executive Committee except that they are limited to the Province and the City of Kigali.</p>	<p>examinées par le Congrès National ;</p> <p>3° Prendre des mesures permettant au PDC de se consolider sa popularité dans la Province et la Ville de Kigali.</p> <p><b><u>Sous-section 2: Comité provincial ou celui de la Ville de Kigali</u></b></p> <p><b><u>Article 37: Membres du Comité Provincial ou celui de la Ville de Kigali</u></b></p> <p>Le Comité Provincial ou celui de la Ville de Kigali est composé du Président, de deux Vice-présidents, du Secrétaire, du Trésorier et de cinq Conseillers ; tous sont élus pour un mandat de cinq (5) ans par le Congrès du PDC au niveau Provincial ou de la Ville de Kigali.</p> <p>Les Dirigeants élus au niveau provincial et celui de la Ville de Kigali peuvent être démis de leurs fonctions sur décision des deux tiers (2/3) des membres de cet Organe.</p> <p>Leurs attributions sont similaires à celles des membres du Comité Exécutif à part qu'elles sont limitées à la Province et à la Ville de Kigali.</p>
---	--	---

<p><b><u>Ingingo ya 38: Inshingano za Perezida wa Komite y'Intara cyangwa y'Umujyi wa Kigali</u></b></p> <p>Perezida wa Komite y'Intara cyangwa y'Umujyi wa Kigali ni nawe Perezida wa Kongere y'Intara cyangwa y'Umujyi wa Kigali kandi ni we uhagarariye PDC ku rwego rw'Intara cyangwa rw'Umujyi wa Kigali.</p> <p><b><u>Icyiciro cya 3: Inzego za PDC ku rwego rw'Akarere, Umurenge, Akagali n'Umudugudu, imiterere, inshingano n'imikorere byazo</u></b></p> <p><b><u>Ingingo ya 39: Abagize Komite y'Akarere</u></b></p> <p>Urwegorwa PDC ku rwego rw'Akarere ni Komite y'Akarere.</p> <p>Komite y'Akarere igizwe na Perezida, Visi Perezida, Umunyamabanga n'Umubitsi; bose batorerwa manda y'imyaka itanu (5), bagatorwa n'abayoboke ba PDC muri ako Karere.</p> <p><b><u>Ingingo ya 40: Abagize Komite y'Umurenge</u></b></p> <p>Urwego rwa PDC ku rwego rw'Umurenge</p>	<p><b><u>Article 38: Responsibilities of the President of the Provincial or Kigali City Committee</u></b></p> <p>The President of the Provincial or Kigali City Committee is at the same time the President of the Provincial or Kigali City as well as the PDC's Representative at Provincial or Kigali City level.</p> <p><b><u>Section 3: PDC's organs at District, Sector, Cell and Village levels, their organisation, responsibilities and functioning</u></b></p> <p><b><u>Article 39: Members of District Committee</u></b></p> <p>PDC's Organ at the District level shall be the District Committee.</p> <p>The District Committee shall be made up of the President, the Vice-President, the Secretary and the Treasurer; all of whom are elected for a five-year (5) term by PDC's members residing in the same District.</p> <p><b><u>Article 40: Member of the Sector Committee</u></b></p> <p>The Sector Committee shall constitute The</p>	<p><b><u>Article 38 : Attributions du Président du Comité provincial ou celui de la Ville de Kigali</u></b></p> <p>Le Président du Comité Provincial ou de la Ville de Kigali est en même temps le Président du Congrès Provincial ou de la Ville de Kigali ainsi que le Représentant du PDC au niveau Provincial ou de la Ville de Kigali.</p> <p><b><u>Section 3 : Organes du PDC au niveau du District, Secteur, Cellule et au niveau du Village, leur organisation, leurs attributions et leur fonctionnement</u></b></p> <p><b><u>Article 39 : Membres du Comité de District</u></b></p> <p>L'organe du PDC au niveau du District est le Comité de District.</p> <p>Le Comité de District est composé du Président, du Vice-Président, du Secrétaire et du Trésorier ; tous sont élus pour un mandat de cinq (5) ans par les membres du PDC résidant dans ledit District.</p> <p><b><u>Article 40 : Membres du Comité de Secteur</u></b></p> <p>L'organe du PDC au niveau du Secteur est</p>
---	---	---

<p>ni Komite y'Umurenge.</p> <p>Komite y'Umurenge igizwe na Perezida, Visi Perezida, Umunyamabanga n'Umubitsi; bese batorerwa manda y'imyaka itanu (5), bagatorwa n'abayoboke ba PDC muri uwo Murenge.</p> <p><b><u>Ingingo ya 41: Abagize Komite y'Akagari</u></b></p> <p>Inzego za PDC ku rwego rw'Akagari ni Komite y'Akagari.</p> <p>Komite y'Akagari igizwe na Perezida, Visi Perezida, Umunyamabanga n'Umubitsi; bese batorerwa manda y'imyaka itanu (5), bagatorwa n'abayoboke ba PDC muri ako Kagari .</p> <p><b><u>Ingingo ya 42: Abagize Komite y'Umudugudu</u></b></p> <p>Inzego za PDC ku rwego rw'Umudugudu ni Komite y'Umudugudu.</p> <p>Komite y'Umudugudu igizwe na Perezida, Visi Perezida, Umunyamabanga n'Umubitsi; bese batorerwa manda y'imyaka itanu (5), bagatorwa n'abayoboke ba PDC muri uwo Mudugudu.</p>	<p>PDC's organ at the Sector level.</p> <p>The Sector Committee shall be made up of the President, the Vice- President, the Secretary and the Treasurer; all of whom are elected for a five-year (5) term by PDC's members residing in the same Sector.</p> <p><b><u>Article 41:Members of Cell Committee</u></b></p> <p>The Cell Committee shall constitute the PDC's Organ at the Cell level.</p> <p>The Cell Committee shall be made up of the President, the Vice-President, the Secretary and the Treasurer; all of whom are elected for a five-year (5) term by PDC's members residing in the same Cell.</p> <p><b><u>Article 42: Members of Village Committee</u></b></p> <p>The Village Committee shall constitute the PDC's organ at the Village level.</p> <p>The Village Committee shall be comprised of the President, the Vice- President, the Secretary and the Treasurer; all of whom are elected for a five-year (5) term by PDC's members residing in the same Village.</p>	<p>le Comité de Secteur.</p> <p>Le Comité de Secteur est composé du Président, du Vice-Président, du Secrétaire et du Trésorier ; tous sont élus pour un mandat de cinq (5) ans par les membres du PDC résidant dans ledit Secteur.</p> <p><b><u>Article 41 : Membres du Comité de Cellule</u></b></p> <p>L'Organe du PDC au niveau de la Cellule est le Comité de Cellule.</p> <p>Le Comité de Cellule est composé du Président, du Vice-Président, du Secrétaire et du Trésorier ; tous sont élus pour un mandat de cinq (5) ans par les membres du PDC résidant dans ladite Cellule.</p> <p><b><u>Article 42 : Membres du Comité de Village</u></b></p> <p>L'organe du PDC au niveau du Village est le Comité de Village.</p> <p>Le Comité de Village est composé du Président, du Vice-Président, du Secrétaire et du Trésorier ; tous sont élus pour un mandat de cinq (5) ans par les membres du PDC résidant dans ledit Village.</p>
---	--	---

<b>UMUTWE WA IV : ISHYIRWAHO RYA ZA KOMISIYO</b>	<b>CHAPTER IV: ESTABLISHMENT OF COMMISSIONS</b>	<b>CHAPITRE IV : MISE EN PLACE DES COMMISSIONS</b>
<b><u>Ingingo ya 43 : Komisiyo zihoraho</u></b>	<b><u>Article 43 : Standing commissions</u></b>	<b><u>Article 43 : Commission permanentes</u></b>
Ku rwego rw'Igihugu no ku rwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali, hashyizweho Komisiyo zihoraho zikurikira:	The following Commissions are hereby established at Provincial and Kigali City levels:	Les Commissions suivantes sont mises en place au niveau Provincial et de la Ville de Kigali :
1° Komisiyo ya “gender” n'imibereho myiza y'abaturage;	1° Gender and Social Affairs Commission;	1° La Commission du genre et des affaires sociales ;
2° Komisiyo y'ubukungu;	2° Economic Commission;	2° La Commission économique ;
3° Komisiyo y'uburezi, ubumenyi, ikoranabuhanga n'umuco;	3° Education, science, technology and culture Commission;	3° La Commission de l'éducation, des sciences, des technologies et de la culture ;
4° Komisiyo ya politiki, ubutegetsi n'amategeko;	4° Political, administrative and legal affairs Commission;	4° La Commission politique, administrative et juridique ;
5° Komisiyo y'imibanire n'imikoranire n'izindi nzego;	5° Relational and institutional Commission;	5° La Commission relationnelle et institutionnelle ;
6° Komisiyo ya disipuline.	6° Disciplinary Commission.	6° La Commission de discipline.
Imikorere ya za Komisiyo, ububasha bwazo n'uko abazigize bajyaho biteganwa n'Amategeko ngengamikorere ya PDC.	The functioning of Commissions, their powers and the modalities for the appointment of their members shall be provided for by PDC's Rules of Procedure.	Le fonctionnement des Commissions, leurs prérogatives ainsi que les modalités de désignation de leurs membres sont définis par le Règlement d'ordre intérieur du PDC.
Ku rwego rw'Igihugu Komisiyo zimenyeshya Komite Nyobozi ibyo zikora, naho ku rwego rw'Intara n'Umujyi wa	At the national level, Commissions shall report to the Executive Committee while at Provincial and Kigali City levels, they shall	Au niveau national, les Commissions rendent compte devant le Comité Exécutif tandis que, au niveau provincial et de la

<p>Kigali zibimenyeshya Komite y'Intara cyangwa y'Umujyi wa Kigali.</p>	<p>report to the Provincial or Kigali City Committee.</p>	<p>Ville de Kigali, elles rendent compte devant le Comité provincial ou de la Ville de Kigali.</p>
<p><b>Ingingo ya 44: Ishyirwaho rya za Komisiyo tekini</b></p>	<p><b>Article 44: Establishment of Technical Commissions</b></p>	<p><b>Article 44: Mise en place des Commissions techniques</b></p>
<p>Bitabangamiye imikorere n'ububasha bwa za Komisiyo zihoraho, kandi hashingiwe ku nyungu za PDC, kuri buri cyiciro cy'urwego rw'Ishyaka, za Komite zishobora gushyiraho Komisiyo tekini zihariye no gukora amatsinda y'akazi zikayagera inshingano, igihe agomba kumara n'abayagize.</p>	<p>Without prejudice to the functioning and prerogatives of Standing, Commissions, and taking into account the interests of PDC, the Committees may, at each Organ of PDC, establish ad hoc technical Commissions, form sub-committee and determine their duties, term and composition.</p>	<p>Sans préjudice du fonctionnement et des prérogatives des Commissions permanentes, et en prenant en compte les intérêts du PDC, les Comités peuvent, à chaque siège de l'organe du PDC, mettre en place des Commissions techniques ad hoc, former des sous-commissions et en déterminer les attributions, le mandat et la composition. .</p>
<p>Zishobora kwifashisha mu mirimo yazo umuntu wese zibona yazifasha mu gufata icyemezo. Ijwi rye rifatwa nk'inama.</p>	<p>They may, in the performance of their duties, resort to any other person who may help them make a relevant decision. His or her vote is considered as an advice.</p>	<p>Elles peuvent, dans l'accomplissement de leurs tâches, avoir recours à n'importe quelle personne qui peut les aider à prendre une décision pertinente. Sa voix est considérée comme un avis.</p>
<p><b>UMUTWE WA V: INGINGO ZIREBA INZEGO ZOSE</b></p>	<p><b>CHAPTER V: COMMONS PROVISIONS FOR ALL ORGANS</b></p>	<p><b>CHAPITRE V: DISPOSITIONS COMMUNES A TOUS LES ORGANES</b></p>
<p><b>Ingingo ya 45: Isimburwa ry'umuyoboke watorewe kujya mu nzego za PDC</b></p>	<p><b>Article 45: Replacement of member elected to a PDC Organ</b></p>	<p><b>Article 45 : Remplacement d'un membre qui a été élu aux organes du PDC</b></p>
<p>Bitabangamiye ibiteganywa mu ngingo ya 25 ya Sitati, iyo umuyoboke watorewe kujya mu rwego rw'Ishyaka yeguye, asezerewe, apfuye cyangwa agize indi</p>	<p>Without prejudice to the provisions of Article 25 of these Statutes, in case of resignation, exclusion, death or any other</p>	<p>Sans préjudice des dispositions de l'article 25 des présents Statuts, en cas de démission, exclusion, , de décès ou de toute</p>

<p>mpamvu imubuza burundu gukora imirimo ye, Biro Politiki, Komite y’Intara n’Umujyi wa Kigali cyangwa Komite y’Akarere, Komite y’Umurenge, Komite y’Akagari, Komite y’Umudugudu, ishyiraho umusimbura, nyuma igakoresha itora mu minsi mirongo itandatu (60).</p>	<p>reason preventing definitively a member elected to an organ of PDC from executing his or her duties, the Political Bureau, the Provincial Committee, the Kigali City Committee or the District Committee, the Sector Committee, the Cell Committee or the Village Committee, shall appoint a substitute and organises the elections in a period of sixty (60) days.</p>	<p>autre raison empêchant définitivement un membre élu à un organe du PDC de s’acquitter de ses fonctions, le Bureau Politique, le Comité Provincial et de la Ville de Kigali, ou le Comité de District, le Comité de Secteur, le Comité de Cellule, le Comité de Village, désigne son remplaçant et organise les élections dans un délai de soixante (60) jours.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 46: Kubahiriza ihame ry’uburinganire</u></b></p> <p>Itora ry’abagize inzego za PDC rigomba kubahiriza ihame ry’uburinganire n’ubwuzuzanye hagati y’abagore n’abagabo.</p>	<p><b><u>Article 46: Respect of the principle of gender equality</u></b></p> <p>The election of the members of the Organs of PDC shall abide by the principle of equality and interdependence between men and women.</p>	<p><b><u>Article 46 : Respect du principe d’égalité entre les sexes</u></b></p> <p>L’élection des membres des organes du PDC doit respecter le principe de l’égalité et la complémentarité des genres.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 47: Manda y’abari mu nzego za PDC</u></b></p> <p>Manda y’abari mu Nzego za PDC bashyizweho biciye mu matora imara imyaka itanu (5) kandi ntawe ushobora kurenza manda ebyiri zikurikiranye ku mwanya umwe.</p>	<p><b><u>Article 47: Term of office for Organ’s members</u></b></p> <p>The term of office for the elective members of the Organs of PDC, shall be five (5) years and nobody may exceed two consecutive terms in the same position.</p>	<p><b><u>Article 47 : Mandat des membres des Organes</u></b></p> <p>Le mandat pour les membres des Organes du PDC désignés par la voie électorale est de cinq (5) ans et personne ne peut dépasser deux mandats consécutifs sur un même poste.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 48: Guhagararirwa mu matora</u></b></p> <p>Mu matora no mu gufata ibindi byemezo, umuyoboke ashobora guhagararirwa n’undi yabihereye uburenganzira mu nyandiko.</p>	<p><b><u>Article 48: Representation during elections</u></b></p> <p>During elections and in other decision-making processes, a member may be represented by another member with a</p>	<p><b><u>Article 48 : Représentation au cours des élections</u></b></p> <p>Pendant les élections et dans la prise d’autres décisions, un membre peut être représenté par un autre membre autorisé,</p>



<p>Ntawe ushobora guhagararira abarenze umwe.</p>	<p>written proxy. Nobody is allowed to represent more than one person.</p>	<p>muni d'une procuration écrite. Personne ne peut représenter plus d'une personne.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 49</u> : Umubare wa ngombwa mu nama no mu ifatwa ry'ibyemezo</b></p>	<p><b><u>Article 49: Quorum for meetings and decision making</u></b></p>	<p><b><u>Article 49</u> : Quorum exigé pour la tenue des réunions et la prise de décision</b></p>
<p>Haseguriwe ibiteganywa mu ngingo z'inzego zihariye, kugira ngo inama ya buri rwego iterana hagomba ubwiganze busesuye bw'abarugize.</p>	<p>Subject to the contents of the PDC's special Organs, at each level, any meeting shall take place when there are absolute majority present at the meeting.</p>	<p>Sous réserve de ce qui est prévu par les organes spéciaux du PDC, toute réunion du PDC peut se tenir pour peu qu'il ait la majorité absolue des membres.</p>
<p>Ibyemezo bifatwa na buri Rwego ku bwumvikane bw'abarugize. Iyo kumvikana bidakunze ibyemezo bifatwa ku bwiganze bwa bibiri bya gatatu (2/3) by'abitabiriyeye inama.</p>	<p>Decisions shall be made by each Organ by consensus. Where the consensus is not obtained, decisions shall be taken by two-thirds (2/3) of the members present in the meeting</p>	<p>A chaque Organe, les décisions sont prises par consensus. Si le consensus n'est pas acquis, les décisions sont prises par les deux tiers (2/3) des membres présents à la réunion.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 50: Ubwisanzure mu gutanga ibitekerezo</u></b></p>	<p><b><u>Article 50: Freedom of speech</u></b></p>	<p><b><u>Article 50</u> : Liberté d'expression</b></p>
<p>Mu nama zose z'Ishyaka, ubwisanzure mu gutanga igitekerezo buremewe, ariko bigakorwa mu bwubahane na disipline kugira ngo haboneke umwuka mwiza wa demokarasi, ubwumvikane n'ubumwe muri icyo gikorwa.</p>	<p>In all the meetings of PDC, freedom of speech is recognised. However, such a right shall be exercised in mutual respect and discipline to guarantee a good climate of democracy, consensus and unity in this action.</p>	<p>Dans toutes les réunions du PDC, la liberté d'expression est reconnue. Toutefois, ce droit doit être exercé dans le respect mutuel et la discipline pour assurer un bon climat de démocratie, de consensus et d'unité dans cette action.</p>
<p><b><u>UMUTWE WA VI: UMUTUNGO WA PDC</u></b></p>	<p><b><u>CHAPTER VI: PROPERTY OF PDC</u></b></p>	<p><b><u>CHAPITRE VI : PATRIMOINE DU PDC</u></b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 51</u> : Inkomoko y'umutungo</b></p>	<p><b><u>Article 51: Source of property</u></b></p>	<p><b><u>Article 51</u> : Source du patrimoine</b></p>
<p>Umutungo wa PDC ugizwe n'ibi bikurikira:</p>	<p>PDC's property is comprised of:</p>	<p>Le patrimoine du PDC est constitué :</p>

<p>1° Umusanzu w'abayoboke; 2° Umutungo ukomoka ku bikorwa mbonezamubano n'umuco n'ibindi;</p> <p>3° Imirage, imfashanyo n'impano;</p> <p>4° Inkunga ya Leta.</p> <p><b><u>Ingingo ya 52: Umusanzu w'abayoboke</u></b></p> <p>Biro politiki niyo igena ingano y'umusanzu wa buri muyoboke n'uburyo utangwa.</p> <p><b><u>Ingingo ya 53: Raporo ku byinjije n'ibyasohotse</u></b></p> <p>Inzego zishinzwe gucunga umutungo wa PDC zigomba gushyira ahagaragara buri mwaka ibyinjiye, ibyasohotse n'uko byakoreshejwe n'ibikenewe kugira ngo PDC ikore neza.</p> <p><b><u>Ingingo ya 54: Uburyo umutungo ukoreshwa igihe cy'iseswa</u></b></p> <p>PDC ishobora guseswa byemejwe na Kongere y'Igihugu ku bwiganze bwa bitatu bya kane (3/4) by'abayigize.</p>	<p>1° Contributions from members; 2° Income from social and cultural activities and other;</p> <p>3° Bequest, subsidies and donations;</p> <p>4° Subsidy of the Government.</p> <p><b><u>Article 52: Member's contributions</u></b></p> <p>It is incumbent upon the Political Bureau to fix the amount of contribution for each member as well as the terms of payment.</p> <p><b><u>Article 53: Financial Reports</u></b></p> <p>The organs in charge of the management of the property of PDC shall submit an annual financial report with supporting document, specifying needs for the smooth running of PDC.</p> <p><b><u>Article 54: Allocation of property in case of dissolution</u></b></p> <p>PDC may be dissolved upon decision by the National Congress meeting by a three-quarter (3/4) majority of votes of the membership.</p>	<p>1° Des cotisations des membres ; 2° Des revenus issus des activités sociales, culturelles et autres ;</p> <p>3° Des legs, subventions et dons ;</p> <p>4° Des subventions du Gouvernement.</p> <p><b><u>Article 52: Cotisations de membres</u></b></p> <p>Il incombe au Bureau politique de fixer le montant de cotisation pour chaque membre ainsi que le mode de paiement.</p> <p><b><u>Article 53: Rapport financiers</u></b></p> <p>Les organes chargés de la gestion du patrimoine du PDC doivent présenter un rapport financier annuel avec les pièces justificatives tout en spécifiant l'état des besoins nécessaires au bon fonctionnement du PDC.</p> <p><b><u>Article 54 : Affectation du patrimoine en cas de dissolution</u></b></p> <p>Le PDC peut être dissout sur décision du Congrès National à la majorité des trois quarts (3/4) des membres.</p>
--	---	---

<p>Iyo iseswa rya PDC ryemejwe hakurikijwe Amategeko shingiro, umutungo waryo, umaze kuvanwamo imyenda PDC ifitiye abandi, uhabwa ishyirahamwe cyangwa umuryango udaharanira inyungu wemejwe na Kongere y'Igihugu ya nyuma ya PDC.</p> <p>Iyo bidashobotse umutungo wegurirwa Leta hakurikije ibiteganywa n'amategeko.</p>	<p>In case PDC is dissolved in accordance with its statutes, its property, deducted from PDC's debts to third parties, is made over to a non-profit-making organisation or association to be decided during the last National Congress meeting.</p> <p>Where this alternative proves to be impossible, the property shall be made over to the State in accordance with the Laws.</p>	<p>Lorsque le PDC est dissoute selon ses statuts, son patrimoine, déduit des dettes du PDC envers les tiers, est cédé à une organisation ou une association sans but lucratif, décidé par le dernier Congrès National du PDC.</p> <p>En cas d'impossibilité de cette alternative, le patrimoine doit être cédé à l'Etat conformément aux dispositions légales.</p>
<p><b>UMUTWE WA VII: UMUBANO N'IZINDI NZEGO.</b></p>	<p><b>CHAPTER VII : PARTNERSHIP WITH OTHER ORGANS</b></p>	<p><b>CHAPITRE VII : PARTENARIAT AVEC D'AUTRES ORGANES</b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 55: Umubano n'izindi nzego</u></b></p>	<p><b><u>Article 55: Partnership with other organs</u></b></p>	<p><b><u>Article 55 : Partenariat avec d'autres organes</u></b></p>
<p>PDC ishobora kugirana umubano n'indi Mitwe ya politiki cyangwa imiryango yaba iyo mu Rwanda cyangwa yo hanze mu gihe bitabangamiye ubumwe bw'Abanyarwanda n'inyungu z'Igihugu muri rusange.</p>	<p>PDC may enter into partnership with other Political Organisations or associations of Rwanda or from abroad as long as it is not detrimental to the unity of Rwandans and the interests of the country in general.</p>	<p>Le PDC peut entrer en partenariat avec d'autres Formations politiques ou des associations du Rwanda ou de l'étranger pour peu qu'il ne porte pas préjudice à l'unité des Rwandais et aux intérêts du pays dans l'ensemble.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 56: Kwishyira hamwe</u></b></p>	<p><b><u>Article 56: Agreement of coalition</u></b></p>	<p><b><u>Article 56 : Accord de coalition</u></b></p>
<p>PDC ishobora kugirana n'indi Mitwe ya politiki yemewe mu Rwanda amasezerano yo kwishyira hamwe cyangwa se yo kwibumbira mu mutwe umwe. Kwishyira hamwe byemezwa na Biro Politiki; naho kwibumbira mu mutwe umwe bikemezwa na Kongere y'Igihugu.</p>	<p>PDC may sign with other Political Organisations recognised in Rwanda an agreement of coalition or of merging. The coalition shall be approved by the Political Bureau; as for the merging into one Political Organisation, it shall be decided by the National Congress.</p>	<p>Le PDC peut signer avec d'autres Formations politiques agréées au Rwanda un accord de coalition ou de fusion. La coalition est approuvée par le Bureau Politique; tandis que la fusion en une Formation politique est décidée par le Congrès National.</p>

<b>UMUTWE WA VIII: IBIHANO</b>	<b>CHAPTER VIII: SANCTIONS</b>	<b>CHAPITRE VIII : SANCTIONS</b>
<b><u>Ingingo ya 57: Amakosa ahanirwa</u></b>	<b><u>Article 57: Punishable faults</u></b>	<b><u>Article 57 : Fautes punissables</u></b>
Amakosa ahanirwa ni aya akurikira:	The following are punishable faults:	Les fautes punissables sont les suivantes :
1° Ibikorwa binyuranyije n’amahame n’amategeko agenga PDC, n’Amategeko ngengamikorere yayo;	1° Acts in contradiction with PDC’s principles, Statutes and Rules of Procedure;	1° Actes en contradiction avec les principes, les Statuts et le Règlement d’ordre intérieur du PDC;
2° Ibikorwa cyangwa imyitwarire bibangamira inyungu za PDC;	2° Acts or behaviours detrimental to the interests of PDC;	2° Actes ou comportements portant préjudice aux intérêts du PDC;
3° Ruswa no kunyereza umutungo wa rubanda n’uwa PDC;	3° Corruption and embezzlement of public funds or that of PDC;	3° La corruption et le détournement du des fonds publics ou ceux du PDC ;
4° Gukoresha imirimo ushinzwe ibyo udafitiye ububasha no kwivanga mu mirimo ya PDC udashinzwe;	4° misuse of power and interference in the affairs of PDC outside the scope of one’s remit;	4° Abus de pouvoir et ‘ingérence dans les affaires du PDC en dehors de sa compétence ;
5° Kutajya mu nama inshuro eshatu zikurikirana nta mpamvu igaragara kandi utabimenyesheje ababishinzwe.	5° Absence from three consecutive meetings without any valid reason and without having informed relevant authorities.	5° S’absenter des réunions trois fois consécutives sans raison valable et sans en avoir informé les autorités compétentes.
<b><u>Ingingo ya 58: Uko ibihano bigenwa n’uko bitangwa</u></b>	<b><u>Article 58: Determination and administration of sanctions</u></b>	<b><u>Article 58 : Déterminations et administration des sanctions</u></b>
Ibihano bigenwa kandi bitangwa na Biro Politiki. Ubwoko bw’ibihano n’uko bitangwa biteganwa mu Mategeko ngengamikorere ya PDC.	Sanctions shall be determined and administered by the Political Bureau. The PDC’s Rules of Procedure shall specify types of sanctions as well as administration modalities.	Les sanctions sont déterminées et administrées par le Bureau Politique. Le Règlement d’Ordre Intérieur du PDC spécifie les types de sanctions et les modalités d’administration.

<p>Nta gihano gishobora gufatirwa umuyoboke wa PDC atabanje kwihanizwa mu nyandiko kandi atabanje guhabwa uburyo bwo kwiregura.</p> <p><b>UMUTWE WA IX: INGINGO Z'INZIBACYUHO N'IZISOZA</b></p> <p><b><u>Ingingo ya 59:</u> Ifatwa ry'ibyemezo byihutirwa</b></p> <p>Mu gihe Kongere y'Igihugu idashobora guterana bishingiye kuri aya mategeko, Biro Politiki niyo ifata ibyemezo byihutirwa biri mu nshingano za Kongere y'Igihugu usibye inshingano ziteganywa mu ngingo ya 53 y'aya Mategeko shingiro.</p> <p><b><u>Ingingo ya 60:</u> Ivugururwa ry'aya Mategeko shingiro</b></p> <p>Aya Mategeko shingiro ashyizweho hakurikijwe ibiteganywa n'Itegeko Ngenga n° N° 10/2013/0L ryo kuwa 11 Nyakanga 2013 rigenga Imitwe ya Politiki n'Abanyapolitiki.</p> <p>Aya mategeko shingiro ashobora kuvugururwa na Kongere y'Igihugu byemejwe na bibiri bya gatatu (2/3) by'abayigize;</p>	<p>In no way shall a sanction be inflicted on a PDC's member before he or she receives a written warning and he or she is given the opportunity to plead his or her cause.</p> <p><b>CHAPTER IX: TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS</b></p> <p><b><u>Article 59: Decision making</u></b></p> <p>Pending the meeting of the National Congress due to of these Statutes, the Political Bureau shall make urgent decisions falling within the ambit of the National Congress except those in article 53 of these statutes.</p> <p><b><u>Article 60: Amendment of this Statutes</u></b></p> <p>These Statutes are established according to the provisions of the Law No10/2013/0L of 11 July 2013 governing Political Organisations and politicians;</p> <p>These statutes are subject to amendment by the National Congress upon the decision by two thirds (2/3) of the members present.</p>	<p>Aucune sanction ne peut être infligée à un membre du PDC avant qu'il n'ait reçu un avertissement écrit et qu'il n'ait eu l'opportunité de présenter sa défense.</p> <p><b>CHAPITRE IX : DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES</b></p> <p><b><u>Article 59 : Prise de décision</u></b></p> <p>Avant que le Congrès National ne se réunisse sur base des présents statuts, le Bureau Politique prend des décisions urgentes dévolues au Congrès National sauf seules prévues à l'article 53 des présents statuts.</p> <p><b><u>Article 60 : Révision des présents statuts</u></b></p> <p>Les présents Statuts sont établis conformément à ce qui est prévu par la loi n°10/2013/0L du 11 juillet 2013 portant organisation des Formations Politiques et des Politiciens.</p> <p>Les présents statuts sont susceptibles d'être modifiés par le Congrès National sur décision des deux tiers (2/3) des membres présents.</p>
--	---	--

<p><b><u>Ingingo ya 61: Amategeko ngengamikorere ya PDC</u></b></p> <p>Ibidasobanuye muri aya Mategeko byuzuzwa n'Amategeko ngengamikorere ya PDC.</p> <p>Amategeko ngengamikorere ya PDC ategurwa na Komite Nyobozi akemezwa na Biro politiki.</p> <p><b><u>Ingingo ya 62: Itegurwa, isuzumwa n'iyemezwa ry'aya Mategeko Shingiro</u></b></p> <p>Aya Mategeko Shingiro yateguwe, asuzumwa kandi yemezwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.</p> <p><b><u>Ingingo ya 63: Igihe aya Mategeko atangirira gukurikizwa</u></b></p> <p>Aya Mategeko shingiro atangira gukurikizwa ku munsu ashuriweho umukono.</p> <p><b>Kigali tariki ya 04 Kanama 2013</b></p> <p><b>MUKABARANGA Agnès Perezida wa PDC</b></p>	<p><b><u>Article 61: PDC's Internal Rules .</u></b></p> <p>Whatever is not provided for in these Statutes is complemented by PDC's Internal Rules.</p> <p>PDC's Rules of procedure shall be put in the place by the Executive Committee and adopted by the Political Bureau.</p> <p><b><u>Article 62: Drafting, consideration and adoption of these Statutes</u></b></p> <p>These Statutes were drafted, considered and adopted in Kinyarwanda.</p> <p><b><u>Article 63: Commencement</u></b></p> <p>These Statutes come into force the day of the signature.</p> <p><b>Kigali, 04 August 2013</b></p> <p><b>MUKABARANGA Agnès President of the PDC</b></p>	<p><b><u>Article 61 : Règlement d'ordre intérieur du PDC</u></b></p> <p>Tout ce qui n'est pas prévu par les présents Statuts est complété par le Règlement d'Ordre Intérieur du PDC.</p> <p>Le règlement d'ordre intérieur du PDC est préparé par le Comité Exécutif et adopté par après par le Bureau Politique.</p> <p><b><u>Article 62 : Initiation, examen et adoption des présents Statuts</u></b></p> <p>Les présents Statuts ont été initiés, examinés et adoptés en kinyarwanda.</p> <p><b><u>Article 63 : Entrée en vigueur</u></b></p> <p>Les présents Statuts entrent en vigueur le jour de leur signature.</p> <p><b>Kigali, le 04 août 2013</b></p> <p><b>MUKABARANGA Agnès Présidente du PDC</b></p>
--	---	--

<b>GATERA Emmanuel</b> <b>Visi Perezida wa mbere wa PDC</b>	<b>GATERA Emmanuel</b> <b>First Vice-President of PDC</b>	<b>GATERA Emmanuel</b> <b>Premier Vice-Président du PDC</b>
--	--	--